



Repubulika y'u Rwanda
Minisiteri y'Ubuzima



Itangazo kuri gahunda y'icyiciro cya kabiri cyo gukingira COVID-19

U Rwanda rukomeje gahunda yo gukingira Covid-19 hakoreshejwe inkingo ebyiri (AstraZeneca na Pfizer) zemejwe n'umuryango w'abibumbye wita ku buzima. Turashimira abanyarwanda uburyo bakomeje kwitabira iyi gahunda yatangiye ku itariki ya 5 Werurwe 2021, kandi ko buri wese azahabwa amahirwe yo gukingirwa, uko inkingo zigera mu gihugu.

Ni ngombwa gufata doze ebyiri z'uru rukingo, mu gihe cy'intera itandukanye bitewe n'ubwoko bw'urukingo, kugira ngo umuntu agire ubwirinzi buhagije.

Urukingo rwa AstraZeneca rwa kabiri rutangwa hagati y'ibyumweru 8 na 12 nyuma yo guhabwa urukingo rwa mbere naho urukingo rwa kabiri rwa Pfizer rutangwa hagati y'iminsi 21 na 28.

Minisiteri y'ubuzima iramenyesha abanyarwanda ko kuva ku wa 02 Mata 2021 kugeza ku wa 21 Mata hateganyijwe gahunda yo gutanga urukingo rwa kabiri ku bahawe urukingo rwa Pfizer. Gahunda y'igihe buri wese azafatira doze ya kabiri n'aho azayifatira muzayimenyeshwa mu butumwa bugufi kuri telephone zanyu. icyakora uwakingiwe urukingo rwa Pfizer, ashobora guhamagara kuri 114 cyangwa akagana ivuriro rimwegereye agahabwa ibisobanuro cyangwa ubufasha mu gihe yaba atabonye ubutumwa mugihe giteganwa.

Gahunda y'urukingo rwa kabiri ku bahawe AstraZeneca, izatangazwa mu minsi iri imbere.

Tuributsa ko umuntu umaze guhabwa urukingo inshuro ebyiri akomeza gukurikiza ingamba zo kwirinda Covid-19 zirimo kwambara neza agapfukamunwa, gusiga intera hagati ye n'abandi, kwirinda kujya ahateraniye abantu benshi kandi hafunganye no gukaraba intoki kenshi."

